

AMABWIRIZA N°07 AGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE KU BIREBANA NO GUHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IBICURUZA KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE N'ITANGWA RY'IYO MIGABANE, 2012

REGULATION N°07 ON CAPITAL MARKETS (PUBLIC OFFER AND ISSUE OF SECURITIES), 2012

REGLEMENTS N°07 REGISSANT LES MARCHES DES CAPITAUX (OFFRE AU PUBLIC ET EMISSION PUBLIQUE DE TITRES), 2012

Gishingiye ku Itegeko N° 11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'ya 4;

Pursuant to the Law N° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its articles 3 & 4

Vu la Loi N° 11/2011 du 18/05/2011 portant creation de l'Office des Marche des Capitaux, spécialement en ses articles 3, et 4;

Gishingiye ku Itegeko N° 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo iya 74;

Pursuant to the Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its article 74;

Vu la Loi N° 01/2011 du 10/02/2011 Portant regulation du marche des Capitaux au Rwanda ;

Gishingiye ku Itegeko N° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga Ibigega byishoramari ry'Abishyize hamwe cyane cyane mu ngingo zaryo iya 64;

Pursuant to the Law N° 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its article 64;

Vu la Loi N° 40/2011 du 20/09/2011 portant regulations des fonds d'investissement collecif au Rwanda ;

Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane mu ngingo zikurikira kitwa 'IKIGO' gitegetse:

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

Le Marchés de Capitaux, dénommée "L'OFFICE", édicte:

CHAPTER I: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : icyo aya Mabwiriza
agamije**

Aya Mabwiriza agamije kugenga ibikorwa byo guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, uretse ighe byaba biteganijwe ukundi :

«**Itegeko**» bivuga Itegeko No 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

« **Amafaranga yemewe gukoreshwa** » bivuga amafaranga yishyurwa abacunga umutungo mu izina ry'abandi, amafaranga ahoraho yishyurwa ibigo bigena ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo, amafaranga yishyurwa serivisi, amafaranga yishyurwa mu

Article 1: Purpose.

The purpose of these Regulations is to regulate the public offer of Capital Markets Securities in Rwanda.

Article 2: Definitions

In these Regulations, unless the context otherwise requires:

“**Act**” means the Law No 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital Market in Rwanda ;

“**Allowable expenses**” includes trust fees, ongoing fees paid to rating agencies, servicing fees, origination fees, acquisition expenses, liquidation expenses, bank service charges, legal fees, audit fees and other direct charges incurred in the ordinary course of business, exclusive of organizational and offering expenses,

Article premier: Objet

Les présents règlements ont pour objet de réglementer l'offre au public que de titres négociables sur le marché des capitaux au Rwanda.

Article 2: Définitions

Aux fins des présents règlements et à moins que le contexte n'exige une interprétation contraire :

«**Loi**» désigne la Loi N° 01/2011 du 10/02/2011 Portant regulation du marche des Capitaux au Rwanda;

«**Dépenses admissibles**» : ceci comprend les honoraires de fiducie, les frais permanents payés aux agences de notation, les frais de services, les frais de montage, les frais d'acquisition, les frais de liquidation, les frais de services bancaires, les honoraires juridiques, les honoraires d'audit et autres frais directs encourus dans le cours normal des activités, à l'exception des dépenses d'organisation et celles liés à l'offre/émission, les frais de conversion et les dépenses extraordinaires qui sont tous considérés comme

gusuzuma ubusabe bw'inguzanyo, amafaranga yo kugura ibintu cyangwa umutungo, amafaranga akoreshwa mu iseswa rya sosiyete, amafaranga yishyurwa kuri serivisi za banki, amafaranga yishyurwa serivisi z'ubufasha mu mategeko, amafaranga yishyurwa abagenzuzi b'imari ndetse n'andi mafaranga yishyurwa ajyanye n'ibikorwa bya buri muni by'ubucuruzi ukuyemo amafaranga, akoreshwa mu gutangira ibikorwa n'amafaranga atangwa mu gikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, amafaranga atangwa ku gikorwa cy'ivunjisha, amafaranga akoreshwa atari ateganijwe kubera ibibazo bitunguranye, ayo mafaranga yose ariko akaba ari amafaranga y'inyongera afitanye isano n'itangwa ry'uruhusa, gushyira ku isoko imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo ishizwe ku isoko kugira ngo igurwe na rubanda nk'uko biteganijwe mu itegeko rigenga umusoro ku musaruro.

«**imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo**» bivuga ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane:

- (a) bishyizwe ku isoko mu rwego rw'imyenda itandukanye ihurijwe hamwe igamijwe kugurishwa nk'impapuro ndangamwenda kandi ibyo bigatuma umutungo uhabwa undi muntu ushyize ku isoko ibicuruzwa byo ku

conversion expenses and extraordinary expenses, all being deemed incidental expenses relating to the authorization and issue of asset backed securities offered for purchase by the general public for the purposes of the Income Tax Act.

étant des frais accessoires afférents à l'autorisation et à l'émission des titres adossés à des actifs offerts au public pour l'achat aux fins de la Loi relative à l'impôt sur le revenu.

“**Asset backed securities**” means securities:

«**Titres adossés à des actifs**» désigne des titres

- (a) qui sont émis dans le cadre d'une

isoko ry'imari n'imigabane;

- (b) ishingira ahanini ku mafaranga yinjijwe n'ayasohotse aturutse ku mutungo uvugwa mu gika (a) kivugwa haruguru ku birebana n'ibikorwa by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane n'amafaranga yinjijwe akomotse ku isoko ry'imari n'imigabane;

«**nyir'imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo**» bivuga umuntu uri ku rutonde ruri mu gitabo cya ba nyir'imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo;

«**isano ya hafi**» bivuga isano abantu bafitanye igaragazwa n'impapuro zerekanako umuntu ari umugore w'umuntu, umubyeyi we, uwo bava inda imwe, umwana we, sebukwe, umukwe we, umukazana we, nyirabukwe, muramu we, umwuzukuru we cyangwa umugore w'umwuzukuru we;

«**Ikigo**» bivuga Ikigo cya Leta gishinzwe ibijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

«**kwirinda ibibazo byatuma inguzanyo itishyurwa**» bivuga amasezerano ayo ari yo yose atuma habaho kwizerako inguzanyo izishyurwa hashingiye ku bwishingizi,

opération de titrisation dans laquelle les actifs sont transférés à un tiers qui émet les titres;

- (a) that are issued as part of a securitization transaction in which assets are transferred to a third party that issues the securities; ;

- (b) that are primarily serviced, with respect to both return of securities and return on securities, by cash flow from assets described in paragraph (a) above;

- (b) qui sont principalement alimentés, en ce qui concerne à la fois les opérations sur titres et le rendement sur des titres, par des flux de trésorerie provenant des actifs décrits à l'alinéa (a) ci-dessus;

«**Détenteur de titres adossés à des actifs**» désigne la personne dont le nom apparaît dans le registre des détenteurs de titres adossés à des actifs;

«**Asset backed securities holder**» means the person whose name appears in the register of asset-backed securities holders;

«**Relation proche**» désigne une relation justifiée par des documents fournis par un conjoint, un parent, un frère, une sœur, un enfant, un beau-père, un gendre, une bru, une belle-mère, un beau-frère, un petit-enfant ou un conjoint d'un petit-enfant;

«**Close relation**» means a relationship supported

inyandiko itangwa akenshi n'ikigo cy'imari cyiyemezako kizishyurira umuntu, amasezerano umukiriya agirana n'ikigo cy'imari cyane cyane banki atuma ashobora kuguza amafaranga aya n'aya gihe cyose ashakiye, ingwate, ubwishingire ndetse n'andi masezerano agamije kwirindako habaho ikibazo cyo kutishyurwa k'umwenda wo mu rwego rw'imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo

« **umufasha mu gukemura ibibazo byo kutishyura inguzanyo byavuka** » bivuga umuntu ufasha mu gukemura ibibazo byo kutishyura inguzanyo byavuka

« **kugena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo** » bivuga igitekerezo umuntu atanga kitabogamye kandi atanga ku giti cye agaragaza agaciro kahabwa amasezerano agomba gukorwa umuntu akora yiyemeza kwishyura umwenda kandi agakorwa hashingiwe ku bibazo bishobora kuvuka muri urwo rwego;

« **Sosisyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo** » :igisobanuro cyaryo tugisanga mu Itegeko;

by documentary evidence of a spouse, parent, sibling, child, father-in-law, son-in-law, daughter-in-law, mother-in-law, brother-in-law, son-in-law, grand child or spouse of a grandchild;

“**Authority**” means the Capital Market Authority;

“**Credit enhancement**” means any arrangement including but not limited to insurance, letters of credit, lines of credit, collateralization, guarantees and other arrangements intended to decrease the credit risk on the Asset Backed Securities;

«**Autorité**» désigne l’Autorité du marché des capitaux;

«**Rehaussement de crédit**» désigne tout accord, y compris, mais sans s’y restreindre, des lettres de crédit, les lignes de crédit, un gage, des garanties et d’autres accords visant à diminuer le risque de crédit lié aux titres adossés à des actifs;

«**Rehausseur de crédit**» désigne une personne ou entité qui fournit un rehaussement de crédit;

« **Iminsi** » bivuga iminsi y'akazi isanzwe

“**Credit enhancer**” means a person or entity that provides credit enhancement;

« **Umutungo wabyara amafaranga** » bivuga imitungo ikoresheya mu mu rwego rw'imyenda itandukanye ihurijwe hamwe igamijwe kugurishwa nk'impapuro ndangamwenda

«**Notation de crédit**» désigne une opinion objective et indépendante sur la solvabilité de l'instrument de dette devant être émis en fonction de facteurs de risque pertinents;

« **Agaciro gakwiye** » bivuga amafaranga yava mu mutungo cyangwa mu mwenda uramutse ugurishijwe hagati y'abashaka kugura no kugurisha bazi neza impamvu kandi badafitanye isano;

“**Credit rating**” means an objective and independent opinion on the creditworthiness of the debt instrument to be issued based on relevant risk factors;

«**Igice cy'isoko ry'imari n'imigabane gitanga inyungu zihoraho**» bivuga igice cy'isoko ry'ibicuruzwa by'isoko ry'imari n'imigabane byemeweho ibicuruzwa bibyara inyungu ihoraho bishyirwa ku isoko n'abantu bujuje ibisabwa kugira ngo bakorere kuri icyo gice kandi icyo gice kikaba kirimo ibyemezo by'imitungo bya Leta n'ibya za sosiyete;

“**Credit rating agency**” has the same meaning as in the Act;

«**Agence de notation de crédit**» a la même signification que celle prévue par la Loi;

«**IFRS**» bivuga amabwiriza mpuzamahaganga akurikizwa mu gutanga raporo z'imari

«**Jours**» désigne les jours ouvrables calendaires;

«**Actifs éligibles**» désigne les avoirs qui sont l'objet de l'opération de titrisation;

«**umuyobozi wigenga**» bivuga umuyobozi:

“**Days**” means calendar working days;

“**Eligible assets**” means assets which are the

«**Juste valeur**» désigne le prix auquel un actif

subject matter of the securitization transaction;

ou un passif pourrait être échangé dans une transaction entre parties bien informées, non apparentées et consentantes;

- (i) utari umuyobozi cyangwa utarigeze aba umuyobozi muri banki yatanze umwenda kandi ibyo bikaba bitarabayeye mu gihe cy'imyaka itanu ibanziriza ubusabe;
- (ii) utari umwe mu bagize ubuyobozi bw'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa bw'ikigo cyatanze umwenda cyangwa se akaba ari ikigo cyakira imigabane ifite agaciro kanini yatanze n'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa n'ikigo cyatanze umwenda cyangwa se umuntu utarigeze akorana ibikorwa by'ubucuruzi n'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa n'ikigo cyatanze umwenda (akora imirimo itari iyo kuba umuyobozi) mu gihe cy'imyaka itanu (5) ibanziriza itariki y'ubusabe kandi icyo kigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane kikaba cyarasabwe kumenyekanisha icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyakoranye na we;
- (iii) udafite amasezerano ya serivisi yagiranye ku giti cye n'abanyamigabane aba n'aba, abayobozi cyangwa abari mu buyobozi bw'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari

“**Fair value**” means the price at which an asset or a liability could be exchanged in a current transaction between knowledgeable, unrelated willing parties;

“**Fixed Income Securities Market Segment**” means a market segment for which fixed income securities of issuers that satisfy the eligibility requirements for that segment are listed, and include Government and corporate securities;

“**IFRS**” means International Financial Reporting Standards;

“**Independent director**” means a director who—

«**Segment du marché de titres à revenu fixe**» désigne un segment du marché pour lequel des titres à revenu fixe des émetteurs qui satisfont aux exigences d'admissibilité pour ce segment sont énumérés et comprend notamment les titres d'Etat et de sociétés;

«**IFRS**» signifie les normes internationales d'information financière

«**Directeur indépendant**» désigne un administrateur qui :

- (i) n'est pas et n'a pas été employé par le donneur d'ordre dans une capacité d'exécution pendant les cinq années précédant la date de la demande;
- (ii) n'est pas membre de la haute direction

n'imigabane cyangwa bw'ikigo cyatanze umwenda;

(iv) udakorera sosiyete iyoborwa n'umuyobozi w'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa w'ikigo cyatanze umwenda;

(v) udafitanye isano ya hafi n'umwe mu bantu bavugwa haruguru;

(vi) utarigeze agirana isano ivugwa haruguru ayifitanye n'umuntu ukorana ibikorwa by'ubucuruzi n'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa w'ikigo cyatanze umwenda

«inyandiko ndangabikorwa» bivuga inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo, inyandiko, inyandiko y'icyemezo, inyandiko isobanura ibicuruzwa, inyandiko yamamaza cyangwa indi nyandiko itumira yaba inyandiko mu mpapuro cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga ikubiyemo amakuru yerekeranye no gushyira ku isoko imigabane ishingiye ku ngwate y'umutungo no guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa guhamagarira icyiciro cy'abantu bamwe kugaragaza ubushake bwo kugura imigabane ishingiye ku ngwate y'umutungo;

(i) is not and has not been employed by the originator in an executive capacity within the five year period preceding the date of application;

(ii) is not a member of the issuer or originator's senior management or a significant customer or supplier to the issuer or originator or is an entity that receives significant contributions from the issuer or originator; or within a period of five years immediately preceding the date of application has not had any business relationship with the issuer or originator (other than service as a director) for which the issuer has been required to make disclosure;

de l'émetteur ou du donneur d'ordre ou un client ou fournisseur important de l'émetteur ou du donneur d'ordre ou une entité qui reçoit des contributions importantes de l'émetteur ou du donneur d'ordre ; ou dans les cinq années précédant immédiatement la date de la demande n'a eu aucune relation commerciale avec l'émetteur ou le donneur d'ordre (autre que le service de directeur) pour lequel l'émetteur a été tenu de nécessaire de divulguer;

(iii) n'a pas de contrat de services personnels avec l'un des actionnaires, directeurs ou membres de la haute direction de l'émetteur ou du donneur d'ordre;

«**kwinjiza ku isoko**» bivuga kwemera ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane igihe ibyo bicuruzwa bisanzwe byemewe ku rindi soko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa se igihe ibyo bicuruzwa bibitswe ku buryo buzwi ku mugaragaro ariko ibyo bikaba atariko bitewe n'itanganzwa ry'inyandiko riba riheruka rishyira imigabane ku isoko igenewe rubanda.

«**Ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane**» muri aya mabwiriza bivuga umuntu washyize ku isoko cyangwa uteganya gushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane kandi uwo muntu akaba ashobora kuba ari isosiyete cyangwa ikindi kigo gishyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane harimo imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo igenewe rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu bamwe bo muri rubanda mu Rwanda igihe ikigambiriwe ari ugukora ku buryo ibyo bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane byemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane ryemerewe mu Rwanda cyangwa ahandi;

«**iyemererwa ry'ibicuruzwa**» bivuga kwemera igicuruzwa ku isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane kandi ijambo "urutonde

(iii) has no personal service contract with any of the shareholders, directors or members of the senior management of the issuer or originator;

(iv) is not employed by a company at which a director of the issuer or originator serves as a director;

(v) is not a close relation of any person described above;

(vi) has not had any of the relationships described above with any affiliate of the issuer or originator;

(iv) n'est pas employé par une société à laquelle un directeur de l'émetteur ou du donneur d'ordre est directeur;

(v) n'a aucune relation proche toute personne décrite ci-dessus;

(vi) n'a pas eu des relations décrites ci-dessus avec un membre du même groupe de l'émetteur ou du donneur d'ordre ;

«**Note d'information**» désigne toute forme de prospectus, de document, d'avis, de circulaire, d'annonce publicitaire ou autre invitation sous forme imprimée ou électronique, contenant des informations en relation avec une émission de titres adossés à des actifs et un appel d'offres au public ou à une partie du public à souscrire à l'achat de titres adossés;

rw'ibicuruzwa byemewe" ndetse n'ijambo "ibicuruzwa byemewe ku isoko ry'ibicuruzwa" bigira inyito bitewe n'aho byakoreshejwe.

«**amafaranga akoreshwa mu iseswa rya sosiyete**» bivuga amafaranga agomba gukoreshwa mu gukoresha umutungo wabyara amafaranga wasigaye nyuma yo kwishyura imyenda cyangwa utarishyuwe cyangwa ingwate ushingiyeho hagamijwe gushakamo amafaranga hakaba hanarimo amafaranga agomba gukoreshwa mu kwishyura imyenda cyangwa mu kwirinda ibibazo byatuma inguzanyo itishyurwa;

« **utanga amafaranga** » bivuga umuntu utanga amafaranga akayaha ushinzwe kwishyura imyenda kugira ngo afashe mu kwishyura amafaranga ya ba nyir'imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo hakurikijwe igihe cyo kwishyura cyagenwe kivugwa mu mabwiriza agenga imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo hagamijwe kuziba icyuho cy'igihe gito cyavuka mu mafaranga;

« **Igice cy'isoko** » bivuga igice cyihariye cy'urutonde rw'ibicuruzwa byose byemewe rukorwa n'isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ku birebana n'intonde zitandukanye z'ibicuruzwa byo ku isoko

“**Information memorandum**” means any prospectus, document, notice, circular, advertisement, or other invitation in print or electronic form containing information in relation to an issue of asset backed securities and inviting offers from the public or a section of the public to subscribe for the purchase of asset backed securities;

“**Introduction**” means the listing of securities that are listed on another securities exchange or that are publicly held other than as a result of an immediately preceding public offer.

«**Introduction**» désigne la liste des titres qui sont cotés sur une autre bourse de titres ou qui sont détenues par le public pour une raison autre qu'une offre au public précédant immédiatement.

«**Emetteur**» désigne, aux fins des présents règlements, la personne qui a émis ou devant émettre les titres et comprend une société ou autre entité juridique qui offre au public ou à une section de celui-ci au Rwanda titres, y compris les titres adossés, lorsqu'il est prévu que ces titres doivent être cotés sur une bourse de titres

ry'imari n'imigabane bigengwa n'amabwiriza yihariye ategakako bigomba kwemererwa no kumenyeshwa.

«**Amakuru y'ingenzi**» bivuga amakuru aya n'aya ashobora kugira ingaruka ku giciro cy'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane byashyizwe ku isoko cyangwa se amakuru ashobora kugira ingaruka ku byemezo birebana n'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane. Muri ayo makuru harimo amakuru yerekeye:

- (a) ikomatanywa ry'amasosiyete, iyegukana ry'imigabane cyangwa ukwishyira hamwe kw'amasosiyete;
- (b) guca imigabane mo ibice cyangwa inyungu ku migabane zitangwa hakorwa kongerera umuntu imigabane aho kumuha amafaranga;
- (c) inyungu ndetse n'inyungu ku migabane zabonetse ku buryo butari busanzwe;
- (d) gukora cyangwa gutakaza amasezerano afite agaciro;
- (e) igicuruzwa gifite agaciro gishya cyangwa ikintu gishya cy'ingenzi cyamenyekanye;
- (f) ihinduka ry'abashinzwe ubugenzuzi cyangwa ihinduka rikomeye ry'abari mu buyobozi;
- (g) guhamagaza imigabane igomba kugomborwa;

“**Issuer**” in relation to these regulations, means the person by whom securities have been issued or are to be issued and shall include a company or other legal entity that offers securities including asset backed securities to the public or a section thereof in Rwanda, where it is intended that such securities shall be listed on an approved securities exchange in Rwanda or else where;

“**listing**” means admission of a security to the official list of a securities exchange; and the terms “list” and “listed” shall be construed accordingly;

autorisée au Rwanda ou ailleurs;

«**Admission en bourse**» désigne l'admission d'un titre à la liste officielle d'une bourse de titres, et les termes «admission» et «admis» doivent être interprétés en conséquence;

«**Frais de liquidation**» désigne les dépenses nécessaires pour convertir les éléments résiduels ou non productifs d'actifs éligibles ou toute garantie sous-jacente en espèces, y compris les dépenses nécessaires au recouvrement ou le rehaussement de crédit;

- (h) igurisha ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane byinshi rikorewe mu ruhamwe cyangwa irishingiye ku bwumvikane hagati y'umuguzi n'ugurisha umubare;
- (i) kugura cyangwa kugurisha umutungo uyu n'uyu ufite agaciro kanini;
- (j) amakimbirane avuka mu rwego rw'akazi;
- (k) iregwa mu rukiko ry'ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bigaragarako ritoroshye;
- (l) ishyirwaho rya gahunda yo kugura imigabane bwite y'ushyira ku isoko iyo imigabane;
- (m) gusezeranya kugura imigabane y'undi muntu wayishyize ku isoko;
- (n) ihinduka rigaragara mu nyandiko y'ubwumvikane bwo kwishyira hamwe no mu mategeko-shingiro agenga isosiyete by'uwashyize ku isoko imigabane;
- (o) Andi makuru yose adasanze ashobora kuba ari ngombwa yerekeye ushyira ku isoko imigabane cyangwa urwego uru n'uru rw'ibikorwa;

«**igihe cy'ishyirwa ku isoko ry'ibicuruzwa**» bivuga igihe gitangwa kugira ngo hagaragazwe ubushake bwo kugura cyangwa kugurisha ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane kuri rubanda;

«**Liquidation expenses**» means the expenditures necessary to convert residual or non-performing eligible assets or any underlying collateral, into cash, including expenditures necessary to collect on credit enhancement;

«**Fournisseur de liquidité**» désigne une personne qui fournit des fonds à un agent de service pour le règlement des paiements dus aux détenteurs des titres adossés à des actifs conformément au calendrier des paiements stipulé dans le cadre des termes et conditions des titres adossés à des actifs en vue de couvrir une insuffisance à court terme quelconque des flux de trésorerie;

«**Liquidity provider**» means a person who provides funds to a servicing agent for the settlement of payments due to asset backed securities holders in accordance with the schedule of payments stipulated for the terms and conditions of asset backed securities to cover any short-term cash-flow shortfalls;

«**Segment du marché**» désigne un segment distinct de la liste officielle établie par une bourse de titres pour ce qui est de la cotation des titres pour lesquelles les exigences spécifiques d'éligibilité et de divulgation sont prescrits;

«**Market Segment**» means a separate segment of the official list established by a securities

«**Information importante**» désigne toute information qui peut affecter le prix des titres d'un émetteur ou influencer les décisions en

«**urutonde rw'ibicuruzwa byose byemewe**» bivuga urutonde rw'ibicuruzwa byose byo ku isoko ry'imari n'imigabane byemewe;

exchange with respect to listings of securities for which specific eligibility and disclosure requirements are prescribed;

matière de titres et comprend une information liée à ce qui suit:

«**banki yatanze umwenda**» bivuga ikigo gishaka gutanga cyegurira undi muntu umutungo wacyo mu rwego rw'imyenda itandukanye ihurijwe hamwe igamijwe kugurishwa nk'impapuro ndangamwenda;

«**amafaranga yishyurwa mu gusuzuma ubusabe bw'inguzanyo**» bivuga amafaranga yose yishyurwa, za komisiyo cyangwa indi ngurane iyo ari yo yose bitangwa n'umuntu uyu n'uyu abihaye undi mu rwego rwo gutanga inguzanyo no kugurisha umutungo wabyara amafaranga ku muntu ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ariko ayo mafaranga akaba atabarirwamo igiciro cyo ku isoko cy'iyo mitungo yabyara amafaranga, amafaranga akatwa ku mafaranga ashowe kugira ngo ahabwe sosiyete zigena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo n'andi mafaranga yishyurwa kuri serivisi zatanzwe n'abavoka, abakora igenagaciro ry'umutungo ndetse n'abandi bantu bakora serivisi nk'izo zikenerwa muri gihe;

“**Material Information**” means any information that may affect the price of an issuer's securities or influence securities decisions and includes information on:

(a) a merger, acquisition or joint venture;

(b) a block split or stock dividend;

(a) une fusion, acquisition, entreprise commune ;

(b) un fractionnement des actions ou dividende en actions ;

(c) bénéfices et dividendes de nature inhabituelle;

(d) l'acquisition ou la perte d'un contrat important;

(e) un produit nouveau ou découverte d'importance;

(f) un changement de contrôle ou un changement significatif dans la direction;

(g) un appel à titres pour le rachat;

(h) la vente publique ou privée d'une importante quantité de titres supplémentaires;

«**Isoko ry'ibanze ry'ibicuruzwa**» bivuga isoko

ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ryemeweho bwambere imigabane y'usaba;

« **agace k'ubucuruzi k'ibanze** » bivuga agace k'ubucuruzi k'aho ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane byemerewe bwa mbere ku isoko ry'imari n'imigabane;

« **Umugenzuzi w'ibanze** » bivuga umugenzuzi w'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ukorera mu gace k'ubucuruzi k'ibanze;

« **Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo** » bivuga itangazo, inyandiko isobanura ibicuruzwa, iyamamaza, inyandiko zihamagarira rubanda kugura imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo cyangwa yemerera rubanda kugura imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo mu isosiyete iriho cyangwa iteganya kubaho kandi iyo nyandiko iba ikubiyemo inyandiko yometseho ku nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo cyangwa igomba gukoreshwa hamwe na yo.

« **umwanditsi** » bivuga umwanditsi wa sosiyete

- (c) earnings and dividends of an unusual nature;
- (d) the acquisition or loss of a significant contract;
- (e) a significant new product or discovery;

(f) a change in control or significant change in management;

(g) a call of securities for redemption;

(h) the public or private sale of a significant amount of additional securities;

(i) the purchase or sale of a significant asset;

(j) a significant labour dispute;

(k) a significant law suit against the issuer;

(l) establishment of a program to make purchases of the issuer's own shares;

(m) a tender offer for another issuer's securities;

(n) significant alteration of the memorandum and articles of association of the issuer;

(i) l'achat ou la vente d'actifs importants;

(j) un conflit de travail important ;

(k) une action en justice importante contre l'émetteur;

(l) l'établissement d'un programme par l'émetteur avec pour objectif d'acheter ses propres actions;

(m) une offre d'achat des titres d'un autre émetteur;

(n) une modification importante de l'acte constitutif et des statuts de l'émetteur;

(o) toutes autres circonstances particulières qui peuvent prévaloir en rapport avec l'émetteur ou l'industrie concernée.

« **Période d'Offre** » désigne une période pendant laquelle une offre de souscription ou de vente de titres au public reste ouverte;

ukorera sosiyete ushinzwe kubika inyandiko zanditseho abanyamuryango bayo n'abanyamigabane bayo kandi agakora indi mirimo nyunganizi ya sosiyete ifitanye isano n'iyo;

« **Sosiyete ifitanye isano n'indi** » bivuga isosiyete ibyara indi, isosiyete yabyawe n'indi sosiyete ibyara izindi y'indi sosiyete;

« **Igikorwa cy'imyenda itandukanye ihurijwe hamwe igamijwe kugurishwa nk'impapuro ndangamwenda** » bivuga amasezerano ateganya kwegurira imitungo cyangwa imyenda sosiyete ishinganye idashobora guhura n'igihombo ariko ibyo bigakorwa ari uko iryo yegurira ry'umutungo rikoreshwamo amafaranga avuye mu ishyirwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bigomba kugurwa n'abashoramari n'akoreshwa mu kwishyura abashoramari ku birebana n'inyandiko z'imyenda zikomoka ahanini ku buryo buziguze cyangwa butaziguze ku mafaranga aturutse ku mitungo yeguriwe abandi;

« **Ugurisha** » bivuga ikigo gishyirwaho kugira ngo gitange cyangwa gishyire ku isoko imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo kugira ngo igurwe na rubanda cyangwa icyiciro

(o) any other peculiar circumstances that may prevail with respect to the issuer or the relevant industry.

“**Offer Period**” means a period during which an offer for subscription or sale of securities to the public remains open;

“**Official List**” means the official list of a securities exchange;

“**Originator**” means the entity that seeks to transfer its assets in a securitization transaction;

«**Liste officielle**» désigne la liste officielle d'une bourse de titres;

«**Donneur d'ordre** » désigne l'entité qui cherche à transférer ses actifs dans une opération de titrisation;

«**Frais de montage**» désigne tous les frais, commissions ou autres contrepartie payés par une partie quelconque à un tiers dans le cadre de la création et de la vente des actifs éligibles à l'émetteur à l'exception du prix d'achat des actifs éligibles, les frais initiaux versés aux agences de notation et les honoraires professionnels versés aux avocats, aux évaluateurs et aux professionnels semblables pour fournir des services professionnels de routine;

cy'abantu bamwe;

«**Ushinzwe kwishyuza imyenda** » bivuga ikigo gishyirwaho kugira ngo gicunge ibikorwa byo kwishyuza imitungo itatiyeho imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo kandi kikanacunga imitungo iri hamwe idashobora kugurishwa itandukanye;

«**Uwunganira amasosiyete mu kuyafasha kuzuzwa ibyangombwa bituma ashobora kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane**» bivuga umuntu washyizweho kugira ngo atunganye, ashyire hamwe, ashyireho cyangwa yamamaze ibikorwa bigamije gushishikariza abantu gusaba gushyira ku isoko no kugurisha imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo no gusabako yemererwa ku isoko;

«**Inyandiko y'inyongera ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo**» ifite igisobanuro kimwe n'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ivugwa mu ngingo ya 9;

«**Iyegurira**» bivuga kwegurira undi muntu imitungo atunze uwo muntu uyeguriwe akaba

“**Origination fees**” means all fees, Commissions or other consideration, paid by any party to any party in connection with the origination and sale of eligible assets to the issuer, but not including the purchase price of the eligible assets, initial fees paid to rating agencies and professional fees paid to advocates, valuers and similar professionals for providing routine professional services;

«**Bourse principale**» désigne une bourse de titres relevant de la juridiction où les actions du requérant ont été cotées;

«**Jurisdiction principale**» désigne la juridiction dans laquelle le requérant a fait coter ses titres en bourse de titres;

«**Régulateur principal**» désigne le régulateur des titres dans la juridiction principale.

“**Primary exchange**” means a securities exchange in the jurisdiction where the

applicant's shares were first listed;

«**Prospectus**» désigne un avis, un circulaire, une annonce publicitaire ou une demande émise sous

ayifite ku buryo bwemewe n'amategeko kandi akaba yemerewe kuyikoresha ku nyungu ze mu rwego rw'imyenda itandukanye ihurijwe hamwe igamijwe kugurishwa nk'impapuro ndangamwenda

«Ucunga umutungo mu izina ry'abandi» mu rwego rw' imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo bivuga umuntu cyangwa ikigo byashyizweho kugira ngo bifashe mu iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa ba nyir'imigabane ishingiyeye ku ngwate y'umutungo hakurikijwe amabwiriza agenga igikorwa cyo guhuriza hamwe imyenda itandukanye hagamijwe kuyigurisha nk'impapuro ndangamwenda;

Ijambo cyangwa urwunge rw'amagambo byakoreshejwe muri aya mabwiriza kandi akaba yarasobanuwe mu Itegeko afite inyito isa n'iyoyahawe mu Itegeko.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya Mabwiriza agenga inyandiko zose zigamijwe guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane harimo imigabane

“**Primary jurisdiction**” means the jurisdiction in which the applicant first listed its securities on a securities exchange;

“**Primary regulator**” means the securities regulator in the primary jurisdiction.

“**Prospectus**” means a notice, circular, advertisement or request issued in paper, electronic or other form inviting applications or offers from the public to subscribe for or purchase, or offering to the public for subscription or purchase, a share in or debenture of a company or proposed company; and includes a statement attached to or intended to be read with the prospectus;

forme de papier, électronique ou autre, qui invite le public à présenter les demandes ou les offres pour souscrire ou acheter ou offrir au public la souscription ou l'achat, une action dans ou une obligation d'une société ou d'une société proposée et comprend une déclaration jointe au prospectus ou destiné à être lu avec celui-ci;

«**Registraire**» désigne un registraire d'une société engagée par une société pour assurer la tenue du registre des membres et des actionnaires et accomplir d'autres fonctions connexes auxiliaires pour le compte de la société;

«**Société apparentée**» désigne une société holding, une filiale d'une autre société ou une filiale d'une société holding d'une autre société;

«**Opération de titrisation**» désigne un accord qui concerne la cession d'actifs ou de risques à un véhicule de titrisation lorsque ce type de

ishingiye ku ngwate y'umutungo mu Rwanda igihe ushyira iyo migabane ku isoko agamije gusabako iyo migabane yemererwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Ikigo ni rwo rwego rufite ububasha bwo gutanga uruhushya rwo guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ibyo ari byo byose ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda igihe ushyira iyo migabane ku isoko agamije gusabako iyo migabane yemererwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

**UMUTWE WA II: KWEMERWA,
GUTANGA AMAKURU N'IBISABWA
MURI RUSANGE KU BIREBANA NO
GUHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA
IBICURUZWA KU ISOKO RY'IMARI
N'IMIGABANE**

“**Registrar**” means a company registrar engaged by a company for keeping the register of members and shareholders and performing other related auxiliary functions for the company;

“**Related Company**” means a holding company, a subsidiary of another company or a subsidiary of the holding company of another company;

“**Securitization transaction**” means an arrangement which involves the transfer of assets or risk to a special purpose vehicle where such transfer is funded by the issuance of securities to investors and payments to investors in respect of such debt securities are principally derived, directly or indirectly, from the cash flows of the transferred assets.

cession est financé par l'émission de titres à des investisseurs et que les paiements aux investisseurs en rapport avec ces titres de créance découlent principalement, directement ou indirectement, des flux de trésorerie des actifs transférés.

«**Agent de vente**», désigne l'entité désignée pour distribuer ou offrir au public ou à une section de celui-ci des titres adossés à des actifs;

«**Agent de service**» désigne une entité désignée pour gérer les recouvrements des actifs sous-jacents des titres adossés à des actifs et la gestion des flux de trésorerie de la masse d'actifs;

Ingingo ya 4: Igisobanuro cyo gushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane

Umuntu afatwa nk'ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ku giti cye atabikorera undi, iyo:

- (a) ashya ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bisabako akora amasezerano yo gushyira ku isoko cyangwa kugurisha ibyo bicuruzwa iyo byemewe ku isoko kandi ibyo akabikora abyikoreye cyangwa abikorewe n'undi muntu yakoranye na we amasezerano yo gushyira ku isoko cyangwa gucuruza ibyo bicuruzwa;
- (b) ahamagariye umuntu gushyira ku isoko ibyo bicuruzwa kandi ubishyize ku isoko n'ubishyiriweho bigahabwa inyito hakurikijwe aho byakoreshejwe.

“**Selling agent,**” means the entity appointed to distribute or offer the asset-backed securities to the public or a section thereof;

“**Servicing agent**” means an entity appointed to manage collections on the assets underlying the asset backed securities and administering the cash flows of the asset pool;

“**Sponsor** ” means a person appointed to arrange, package, place or market the application for issue, offer and listing of the asset backed securities;

«**Sponsor**» désigne une personne désignée pour organiser, regrouper, placer et commercialiser les demandes d'émission, d'offre et de cotation des titres adossés à des actifs;

«**Prospectus complémentaire**» désigne le prospectus visé à l'article 9;

«**Cession**» désigne le transfert de la propriété juridique et effective des actifs qui sont l'objet d'une opération de titrisation;

Ingingo ya 5: Igisobanuro cyo guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane

Umuntu afatwako ahamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane iyo ahamagariye igice iki n'iki cy'abantu bamwe bari mu Rwanda baba abantu batoranijwe kubera ari abakiriya b'utangaza inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo cyangwa se batoranijwe hashingiwe ku zindi mpamvu izi n'izi hatitawe ku kuba iryo hamagara ryemewe gusa na buri muntu ryagenewe cyangwa hatitawe ku kuba iryo hamagara cyangwa ubwo busabe byashobora gukorwa hakurikijwe ihagamagara rikozwe gusa n'umuntu iryo hamagara ryagenewe ariko icyo gihe bikaba bizwi ko igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa cyakozwe nta buriganya kidafatwa nko guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa mu rwego rw'imigabane n'imigabane nguzanyo iyo:

- (a) ari inyandiko ihamagarira abantu gukora amasezerano yo kwishingira ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane;
- (b) igenewe umuntu usanzwe akora ibikorwa byo kugura cyangwa

“**Supplementary Prospectus**” means the prospectus referred to in article 9;

“**Transfer,**” means the transfer of legal and beneficial title to the assets that are the subject matter of a securitization transaction;

“**Trustee**” in relation to asset backed securities transactions, means the person or institution appointed to enforce the rights of the Asset

«**Fiduciaire**» désigne, par rapport aux opérations de titres adossés à des actifs, la personne ou l'institution désignée pour faire respecter les droits des détenteurs de titres adossés à des actifs conformément aux arrangements de titrisation;

Tout mot, terme ou expression utilisé dans les présents règlements et qui a été défini dans la Loi, garde la signification qui lui est donnée dans la Loi.

Article 3: Champ d'application des présents règlements

Les présents règlements s'appliquent à toutes les offres publiques de titres y compris les titres adossés à des actifs au Rwanda lorsque l'émetteur cherche à demander l'admission à la

kugurisha imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yaba abikora nk'umuntu wikorera adakorera undi cyangwa nk'umukozi w'undi muntu;

- (c) igenewe abasanzwe ari abanyamuryango ba sosiyete cyangwa ba nyir'imigabane nguzanyo muri sosiyete kandi ikaba ifitanye isano n'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo y'iyi sosiyete;
- (d) igenewe abanyamuryango hakurikijwe Itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

Backed Securities holders pursuant to the securitization;

cote d'une bourse autorisée au Rwanda.

L'Autorité est l'organe compétent pour accorder l'agrément pour toutes les offres au public des titres au Rwanda lorsque l'émetteur qui envisage de demander l'admission de ces titres à une bourse autorisée au Rwanda.

Ingingo ya 6: Igikorwa cyo gutangaza inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo gikozwe n'ikigo cyashyize ku isoko ibirucuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane

Any word, term or expression used in these Regulations, and which has been defined in the Act, has the meaning assigned to it by the Act.

Article 3: Scope of the regulations

Iyo ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bigomba gushyirwa ku isoko kugira ngo bigurwe na rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu bamwe mu Rwanda, kandi ushyira ibyo bicuruzwa ku isoko akaba agamije ko ibyo bicuruzwa byemererwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, ushyize ibyo bicuruzwa ku isoko agomba gutangaza inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo kugira ngo rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu bamwe

These Regulations shall apply to all public offers of securities including asset backed securities in Rwanda where the issuer intends to seek listing on an approved securities exchange in Rwanda.

CHAPITRE II: ADMISSIBILITÉ, DIVULGATION D'INFORMATION ET EXIGENCES GÉNÉRALES POUR LES OFFRES AU PUBLIC DES TITRES

bashobore kubona iyo nyandiko nta mafaranga bishyuye kandi bakayibonera mu Rwanda kuri aderesi izwi mu gihe cyose cy'ishyirwa ku isoko ry'ibicuruzwa cyangwa mu gihe kibanziriza iyemererwa ry'ibyo bicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane hakurikijwe amabwiriza y'Ikigo.

Mbere yo gutangaza inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo, ushyira ku isoko ibicuruzwa agomba kubanza kubyemererwa n'Ikigo iyo kimaze kubonako yubahiriza ibisabwa n'aya Mabwiriza kandi kopi y'iyonyandiko akayishyikiriza Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete kugira ngo ayandike.

Ingingo ya 7: Ibikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo itangajwe n'ushyira ku isoko ibicuruzwa ku isoko ry'ibicuruzwa by'isoko ry'imari n'imigabane ryemewe mu Rwanda agomba kubahiriza ibisabwa bikubiye mu mugereka 1 w'aya Mabwiriza.

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo itangazwa mu

The Authority shall be the competent body to grant approval for all public offers of securities in the Rwanda where the issuer intends to seek listing on an approved securities exchange in Rwanda.

CHAPTER II: ELIGIBILITY, DISCLOSURE AND GENERAL REQUIREMENTS FOR PUBLIC OFFERS

Article 4: Définition des offres au public des titres

Une personne est considérée comme offrant au public des titres si, en sa qualité de personne agissant à titre personnel –

- (a) elle fait une offre qui, une fois acceptée, donnerait lieu à un contrat d'émission ou de vente des titres par elle-même ou par un tiers avec lequel il a conclu un accord visant l'émission ou la vente des titres;
- (b) Elle invite une personne à faire une telle offre, et, à moins que le contexte l'exige autrement, les termes «offre» et «donneur d'ordre » sont à interpréter en conséquence.

rurimi rw'icyongereza ariko ikaba ishobora no gushyirwa mu rundi rurimi uru n'uru rwemewe mu Rwanda.

Buri wese ushyira ku isoko ibicuruzwa ku isoko ufite ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane kandi ibyo bicuruzwa bikaba byaremewe n'Ikigo kugira ngo bishyirwe ku isoko agomba kugaragaza ibyo mu matangazo yose atanga ahamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane.

Ingingo ya 8: Amakuru rusange agomba kugaragaza mu Nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo

Uretse amakuru agomba kugaragazwa nk'uko bisabwa n'aya Mabwiriza kandi haseguriwe aya mabwiriza, inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo cyangwa inyandiko ndangabikorwa zigomba kuba zirimo amakuru abashoramari bashobora gukenera kandi bifuzwa kubona kugira ngo bashobore kugira amakuru ahagije abafasha gusuzuma:

- (a) imitungo n'imyenda, uko sosiyete ihagaze ku birebana n'imari, inyungu n'ibihombo, ibyo ushyira ku isoko ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari

Article 4: Meaning of Offer of Securities

A person is to be regarded as offering securities to the public if, as principal -

- (a) he makes an offer which, if accepted, would give rise to a contract for the issue or sale of the securities by him or by another person with whom he has made arrangements for the issue or sale of the securities;
- (b) he invites a person to make such an offer, and, except where the context otherwise requires, "offer" and "offeror" shall be construed accordingly.

Article 5: Définition de l'offre au public

Une personne est considérée comme le donneur d'ordre des titres au public au Rwanda, si, dans la mesure où l'offre est faite à des personnes au Rwanda et sauf intention contraire manifeste, son offre est faite à une quelconque partie du public qui est choisie comme clients de la personne publiant le prospectus ou choisie de toute autre manière, et ce, nonobstant le fait que l'offre ne soit susceptible d'être acceptée que par chaque personne à qui elle est faite ou qu'une offre ou une demande peut être faite conformément à l'invitation uniquement d'une personne à qui l'invitation est adressée, mais une offre de transaction de bonne foi en matière d'actions ou d'obligations non garanties ne doit pas être considérées comme une offre au public si elle :

- (a) une offre de conclusion d'une convention de prise ferme;

- n'imigabane ateganya;
- (b) uburenganzira bujyanye n'ibyo bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane;

Nk'uko bisabwa muri aya mabwiriza, amakuru agomba gushyirwa muri iyo nyandiko ni amakuru avugwa mu gika cya 1 agomba kuba azwi n'umuntu uwo ari we wese ushinzwe inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo cyangwa se akaba ari amakuru uwo muntu ashobora guhabwa igihe ayasabye;

Ikigomba kwitabwaho mu kugena amakuru agomba gushyirwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo hakurikijwe aya Mabwiriza ni imiterere y'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ndetse n'uhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane.

Ikigo gishobora gusabako mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo hashyirwamo andi makuru kibonako yagirira abashoramari akamaro aramutse ashyizwe muri iyo nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo, mu nyandiko y'inyongera ihamagarira rubanda kugura

Article 5: Meaning of Offer to the Public

A person offers securities to the public in Rwanda if, to the extent that the offer is made to persons in Rwanda, unless the contrary intention appears, it is made to any section of the public, whether selected as clients of the person issuing the prospectus or in any other manner, and notwithstanding that the offer is capable of acceptance only by each person to whom it is made or that an offer or application may be made pursuant to the invitation only by a person to whom the invitation is issued, but a bona fide offer with respect to shares or debentures shall not be considered to be an offer to the public if it is.

- (b) faite à une personne dont les transactions commerciales ordinaires consistent à acheter ou vendre des actions ou des obligations non garanties en qualité de personne agissant à titre personnel ou d'agent;
- (c) faite aux membres actuels ou aux détenteurs d'obligations non garanties d'une société et se rapporte à des actions dans ladite société ou de ladite société;
- (d) faite aux membres en vertu de la loi relative aux sociétés commerciale au Rwanda.

Article 6: Publication d'un prospectus par un émetteur

Lorsque les titres doivent être offerts au public ou à une partie du public au Rwanda et que l'émetteur envisage de demander l'admission à

imigabane cyangwa imigabane nguzanyo cyangwa mu nyandiko ndangabikorwa

Ingingo ya 9: Inyandiko y'inyongera ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo

Iyo Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yemejwe hakurikijwe aya Mabwiriza kandi igihe icyo ari cyo cyose hagati y'itariki ibanza n'itariki isoza hakaba hashobora gukorwa amasezerano mu rwego rw'ibyo bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane hagamijwe guhamagarira rubanda kugura ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane:

